# 74: Jye mfit' Umukiz' ujy' amvugira ku Mana

1.

Jye mfit' Umukiz' ujy' amvugira ku Mana.
N' inshut' idahana, si nk' izo mw isi
itek' arandind'akankingira n'ibyago.
Icyamp' Uw' akab'Umukiza wawe!

Ref:

Njye ninging' Imana ngw' ikwereke Yesu.Ngumwakire nawe : ni ko ngusabira.

2.

Nahaw' ikibanza na Data wo mw ijuru
Mu rugo rwe rwera kubw' Umwana we
Azangezayo ngo tuban' iteka ryose.
Icyampa ngo nawe tuzabaneyo !

3.

Nzahabwa n'umwambaro mwiza,wera cyane
Tw' abacunguwe yatubikiyeyo.
Njya ngir' amatsiko, nkawifuza,mugenzi
Icyampa ngo naw' uzawambar' ubwo

4.

Kur'ubu, njya ngir' amahoro mu mutima:
Nyahawe na Yes' Umukiza wanjyi
Atemba nk'uruzi : ab'isi ntibayazi.
Icyampa ngasang' uyahawe nawe

5.

N'umara kumwemera h' Umukiza wawe
Uhamye mu band' iby' agukoreye,
Usabe n'Iman' ibahishurire Yesu,

Bahabw' ubwo buntu wahawe nawe

Visit us at indirimbo.com